**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**
**B.P 2197 KIGALI**

**ICYEMEZO N° 0003/Pres./CA/2019/CIV KU ITAKAMBA RYA Me HATEGEKIMANA Gratien**

---

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, Umunsi wa cumi na gatatu w'Ukwezi kwa Nzeli;

Twebwe KARIMUNDA Muyoboke Aimé, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na UWASE Zita, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**[1].** Tumaze ko Me HATEGEKIMA Gratien yanditse ku wa 10/09/2019 no ku wa 11/09/2019 atakambira icyemezo cyo ku wa 10/09/2019 kimuca ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi magana abiri (200 000 Frw) kubera gutinza urubanza nº RPAA 00402/2018/CA, akaba avuga ko kutitabira iburanisha bitatewe n'uburangare ahubwo ko uwo yunganiraga ari we KAMALI Theoneste yahinduye Avoka;

**[2].** Tumaze kubona ko dosiye (IECMS) igaragaza ko KAMALI Theoneste afite abunganizi 2 aribo Me HATEGEKIMANA Gratien na Me HAVUGIMANA Ignace, mu iburanisha ryo ku wa 13/05/2019 aba bombi bakaba baritabye urubanza rugasubikwa kubera ko hari ababuranyi batari bahamagawe mu buryo bukurikije amategeko, Me HATEGEKIMANA Gratien na Me HAVUGIMANA Ignace bagasinyira itariki urubanza rwimuriweho, iyo tariki ihindutse bakamenyeshwa n'ubwanditsi bw'Urukiko ko iburanisha ryimuriwe ku wa 10/09/2019 ;

**[3].** Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 19, igika cya 4, y'Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza gishobora gutakambirwa kwa Perezida w'urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane;

**[4].** Dusanze ibyo Me HATAGEKIMANA Gratien avuga ko atitabiriye iburanisha yari yaragiye asinyiye kuko yumvuga Urukiko ruribwiyumvishe ko uwo yunganiraga, ari we KAMALI Theoneste, yahinduye Avoka nta shingiro bifite kuko mu gihe yari

asanze atakiri mu bunganizi be kandi ari mu bagiye basinyiye itariki y'iburanisha yari kubimenyesha Urukiko hakiri kare.

**[5]** Dusanze icyakora, niyo abimenyesha Urukiko hakiri kare, nk'uko ihame ry'imikoranire myiza hagati y'aba Avoka n'Inkiko ribisaba, urubanza ntirwari kuburanishwa kubera ko Me KAVUYEKURE Dieudonné yari yaranditse avuga ko MUKARWEGO Joseline, yari ahagarariye nk'uregera indishyi mu rubanza nº RPAA 00402/2018/CA, yapfuye ku wa 08/09/2019, akaba yari gushingurwa ku wa 10/09/2019, umunsi w'iburanisha, kandi iyo uregera indishyi apfuye, hagomba kugaragazwa uwamusimbuye mu nyungu ze nawe agahamagazwa, bityo hashingiwe kuri iyo mpamvu yonyine, Me HATEGEKIMANA Gratien akaba atari akwiye kuba yaraciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi Magana abiri(200 000 Frw) yo gutinza urubanza bitewe n'uko n'iyo aza kwitabira iburanisha cyangwa akamenyesha Urukiko ku gihe ko atacyunganiye KAMALI Theoneste, nubundi urubanza ntirwari kuburanishwa uregera indishyi, wapfuye, atarasimburwa.

**ICYEMEZO CY'URUKIKO**

**[6]. Dutegetse** ko icyemezo cyo ku wa 10/09/2019 gihanisha Me HATEGEKIMANA Gratien ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi magana abiri (200 000 frw) kubera gutinza urubanza nº RPAA 00402/2018/CA gikuweho;

**[7]. Dutegetse** ko iki cyemezo gihita kimenyeshwa Me HATEGEKIMANA Gratien.

Bikorewe i Kigali, mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru

**KARIMUNDA Muyoboke Aimé**
**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

**UWASE Zita**
**Umwanditsi w'Urukiko**

Copie certifiée conforme à l'originale
Greffier UWASE Zita
Le 01/10/2019